# UMUVUNYI

Mutarama - Kamena 2020

MAGAZINE NOMERO 42 IDASANZWE

*Ikinyamakuru cy'Urwego rw'Umuvunyi gishishikariza Abaturarwanda kurwanya Akarengane na Ruswa*

GITANGIRWA UBUNTU




IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

TURWANYE AKARENGANE

TURWANYE RUSWA

ABAHAMWE N'ICYAHA CYA RUSWA

# IBIRIMO



03



05




07



08



11



33


| | |
|---|---|
| Amasezerano Umuyobozi atemerewe ku giti cye | 03 |
| Abagize Urwego rw'Ubutabera bagaragaje ibyuho bya Ruswa n'Ingamba zo kuyirwanya | 05 |
| Dr. Ron Adam, Ambasaderi wa Leta ya Isiraheli yashimye imikorere y' Urwego rw'umuvunyi mu Rwanda | 07 |
| Urwego rw'Umuvunyi rwaganirije Intumwa zo muri Mozambique ku buryo rukoresha mu kwimakaza Imyitwarire myiza mu bayobozi no kurwanya ruswa | 08 |
| Mu Rwanda hatangijwe Icyumweru cyahariwe kubona amakuru | 09 |
| Urwego rw'Umuvunyi rwasubije ibibazo byabajijwe n'Inteko Ishingamategeko | 11 |
| U Rwanda rwaje ku mwanya wa Kane muri Afurika n'uwa mbere mu Karere mu kurwanya ruswa | 13 |
| Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi baganiriye ku butwari bwaranze abanyarwanda bitegura umunsi w'Intwari z'u Rwanda | 14 |
| Umuvunyi Mukuru yarasabye abaturage ba Muhanga kugira umuco wo gukemurira ibibazo mu miryango | 16 |
| Umuvunyi Mukuru yavuze ko bari gukora ubuvugizi ku kibazo cy' ababerewemo imyenda y'ingurane mu Karere ka Ngororero | 18 |
| Urutonde rw´Abahamwe burundu n'Icyaha cya Ruswa kuva mu Ukwakira 2019 kugera muri Mutarama 2020 | 20 |
| Amahame ngenderwaho mu kugenza ibyaha bya Ruswa | 27 |
| Isuzuma/Igenzura rikorwa n'Urwego rw'muvunyi | 29 |
| Abamenyekanisha umutungo niba nde? | 31 |
| Inkuru ishushanyije | 33 |

# Amasezerano Umuyobozi atemerewe ku giti cye



*Umuvunyi Mukuru Anastase Murekezi*

Mu Rwanda, Imyitwarire y'Abayobozi mu Nzego za Leta isanzwe igengwa n'Itegeko Ngenga Nº 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu Nzego za Leta ryahinduwe kandi ryujujwe n'Itegeko Ngenga N° 11/2013/OL ryo ku wa 11/09/2013.

Iri tegeko rigamije gufasha Igihugu kugira Abayobozi b'inyangamugayo, b'intangarugero banafite ubushobozi buhagije kugira ngo bibaheshe icyubahiro n'ububasha bwo kuyobora abandi mu buryo bwubahiriza amategeko.

Mu ngingo yaryo ya 6 agace ka 4 ivuga ko " Umuyobozi atemerewe kugirana amasezerano ku giti cye n'Igihugu cy'Amahanga, Umuryango Mvamahanga ndetse na sosiyete Mpuzamahanga mu gihe cyose bene ayo masezerano ashobora kubangamira inyungu rusange z'Igihugu ku nyungu z'Umuyobozi ku giti cye".

- Umuryango Mvamahanga ni umuryango washinzwe hakurikijwe amategeko y'ikindi gihugu kandi uharanira inyungu rusange.
- Sosiyete Mpuzamahanga ni sosiyete yashinzwe hakurikijwe amategeko y'ikindi gihugu.

Mu nshingano Urwego rw'Umuvunyi rufite harimo gukangurira abaturage gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, gukurikirikirana iyubahirizwa ry'Itegeko Ngenga Nº11/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu nzego za Leta nk'uko ryahinduwe kugeza ubu.

Muri iyi nyandiko turibanda ku byo Abayobozi bakuru bafite bene ayo masezerano basabwa n'uburyo acungwa bitewe n'igihe azamara.

Itegeko riteganya ko umuntu ugizwe Umuyobozi asanzwe afite amasezerano yavuzwe haruguru abimenyesha Urwego rw'Umuvunyi mugihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) atangiye imirimo. Ayo masezerano agomba kuba yamaze guseswa mu gihe kitarenze umwaka Umuyobozi atangiye imirimo.

Mu bunyangamugayo bugomba kuranga Umuyobozi, asabwa kumenyesha Urwego rw'Umuvunyi niba afite amasezerano ku giti cye n'Igihugu cy'Amahanga, Umuryango Mpuzamahanga, Umuryango Mvamahanga cyangwa Sosiyete Mpuzamahanga bidafitanye na Leta y'u Rwanda umubano ushingiye kuri Diporomasi mu rwego rwo kubahiriza iri tegeko no kuba hari inyungu ze bwite yashyira imbere y'iz'Igihugu. Aha twakwibutsa ko Umuyobozi abujijwe gushyira inyungu z'Igihugu cy'Amahanga imbere y'iz'u Rwanda.

Urugero twatanga ni mu gihe, umuntu ashyizwe ku mwanya wa Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga, inzu ye ikaba ikodeshwa na Ambasade y'Igihugu cy'Amahanga, nyuma iki Gihugu kikagira ubwumvikane buke n'u Rwanda.

Ese Umuyobozi yabyifatamo ate? Nicyo gituma Umuyobozi abimenyesha mbere, Urwego rw'Umuvunyi rugasuzuma niba ayo masezerano hari aho ashobora kubangamira inyungu rusange z'Igihugu.

Iyo inyungu Umuyobozi ahabwa n'ayo masezerano zibangamira inyungu rusange z'Igihugu, Urwego rw'Umuvunyi rugena igihe ntarengwa ayo masezerano agomba kuba yasheshwe.

Iyo amasezerano yasinywe afite igihe kirenze umwaka umwe cyangwa haratanzwe ubwishyu bw'igihe kirenze umwaka ku masezerano adafite igihe azamara giteganyijwe, Urwego rw'Umuvunyi rurayasuzuma rukayafataho icyemezo. Umushingamategeko yatekereje no ku nyungu z'uwakodesheje inzu ye kugira ngo bitamuteza igihombo cyangwa bigakururira nyir'inzu imanza.

Urwego rw'Umuvunyi muri za nshingano zavuzwe, iyo rumenyeshejwe bene aya masezerano, rurayasesengura rugendeye ku biteganywa n'Iteka rya Perezida n° 78/01 ryo ku wa 30/09/2015 rigena imirongo ngenderwaho ikurikizwa mu micungire y'amasezerano Umuyobozi yakoze mbere yo gushyirwa mu mirimo, rugatanga igisubizo kuri ayo masezerano.

Ikigamijwe aha ni ukugira ngo Umuyobozi ufite ayo amasezerano n'Imiryango itari iya Leta yagira ingaruka mbi ku Gihugu kuko inyungu Umuyobozi abona muri ayo masezerano zishobora kuryamira inyungu z'Igihugu.

Urundi rugero rwatangwa ni igihe imwe muri iyi miryango Mvamahanga ishobora kuyobya imfashanyo igenewe u Rwanda kandi Umuyobozi ukodesherezwa inzu n'iyo miryango Mvamahanga abizi ariko akicecekera kugira ngo inyungu ze zikubiye muri ya masezerano ziadahungabana.

Abayobozi rero bakwiye kuba intangarugero mu kubahiriza iri tegeko bagaragariza Urwego rw'Umuvunyi amasezerano yavuzwe.

Twakwibutsa abasomyi b'Umuvunyi Magazine kugana Urwego rw'Umuvunyi bagaragaza Abayobozi bashobora kuba bafite ayo masezerao cyangwa se bafite indi myitwarire mibi idakwiye kurangwa ku muyobozi bashobora no kutwandikira kuri ombudsinfo@ombudsman.gov.rw

**Urwego rw'Umuvunyi**



# Abagize Urwego rw'Ubutabera bagaragaje ibyuho bya Ruswa n'Ingamba zo kuyirwanya




*Abagize Urwego rw'Ubutabera bitabiriye ikiganiro nyunguranabitekerezo ku byuho bya Ruswa n'Ingamba zo kuyirwanya*

Mu kiganiro nyunguranabitekerezo Cyateguwe n'Urwego rw'Umuvunyi ku bufatanye n'Umuryango w'ibihugu by'Ubumwe bw'Uburayi cyahuje inzego z'ubutabera mu Rwanda kuri uyu Wakane tariki 13/02/2020, baganiraga ku byuho bya ruswa n'ingamba zo kuyirwanya, mu ijambo ry'ikaze Umuvunyi Mukuru Anastase Murekezi yavuze ko ari ingenzi gufatanya mu kurandura ibyuho bya ruswa.

Umuvunyi Mukuru yavuze kandi ko iyo ruswa igaragaye mu zindi nzego, ingaruka zayo zigera no mu nzego z'ubutabera ari nazo ziyifataho imyanzuro kugeza ubwo hafashwe icyemezo cya nyuma ndakuka.

Yagize ati "Ubutabera ni inkingi ikomeye cyane mu gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane kuko iyo ubutabera butanzwe neza bigira uruhare rukomeye mu iterambere ry'Igihugu no kubahiriza uburenganzira bwa muntu maze amahoro agahinda mu gihugu, abantu bose bakanezerwa bagakora bagatera imbere."

Umuyobozi mukuru mu Rwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha, ushinzwe kugenza ibyaha, Twagirayezu Jean Marie Vianney, yagaragaje ko gukurikirana abakekwaho ibyaha bya ruswa n'ibindi bifitanye isano nayo hakirimo imbogamizi zituma bidatanga umusaruro ukwiye.

Bimwe mu byuho bya ruswa byakomeje kugarukwaho muri iyi nama harimo kuba itangirwa mu bwiru, kuba bamwe batamenya amakuru, kuba hari abayishinjwa ariko ikaburirwa ibimenyetso, abashaka ko inkiko zifata ibyemezo bibabogamiyeho, abafungurwa by'agateganyo imanza zabo ntizongere gukurikiranwa n'ibindi.

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Busingye Johnston yavuze ko ifungurwa ry'agateganyo ku byaha byose amategeko afite uko abiteganya, kandi ubucamanza bufite uburenganzira bwo kubitanga kandi bigakorwa.
Gusa ngo nubwo ku bindi byaha byazaganirwaho igihe cyabyo, igihe haganirwa kuri ruswa Busingye avuga ko ari ngombwa kuvuga ku mbogamizi zigaragaramo aho usanga bamwe bafungurwa bagahita baburirwa irengero cyangwa bikabangamira ubutabera.

Ati "Ntekereza ko akamaro ko gufungurwa by'agateganyo ari ukuvuga ngo taha uzakomeze ukurikirane urubanza rwawe uri hanze, twizere ko utazagira icyo uruhungabanyaho, twizeye ko uzagaruka ukaburana urubanza rwawe."

Minisitiri Busingye yavuze ko imibare y'Ubushinjacyaha igaragaza ko nibura 80% by'abafungurwa by'agateganyo batajya bagaruka gukurikirana imanza kugeza zirangiye kandi bikaba bimaze igihe byisubiramo.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Dr Ntezilyayo Faustin yasobanuye ko impamvu ziha icyuho ruswa harimo kudahabwa serivisi abantu bakwiye mu nzego zibishinzwe bigatuma bashakisha ubundi buryo bazibonamo kandi kuzihabwa ari uburenganzira bwabo.

Ati "Nta serivisi n'imwe twavuga ko idashobora kubonekamo ruswa cyangwa ibindi byaha bisa nayo. Ni ngombwa rero ko buri rwego rwiyemeza kuziba ibyuho ruswa yakwinjiriramo, tugafata ingamba zihamye zo kuyirwanya."

Dr Ntezilyayo yavuze ko inzego zose ziramutse zifatanyije mu gushyira mu bikorwa ingamba guverinoma yashyizeho zo kurwanya no gukumira ruswa mu nzego z'Ubutabera no mu zindi nzego byatuma ruswa icika cyangwa ikagera ku rwego ruto cyane.

Inama nk'iyi izajya iba buri mwaka Urwego rw'Umuvunyi rukazajya rushyikiriza imyanzuro yafatiwemo inzego zose kugira ngo buri rwego rushyire mu bikorwa umwanzuro ururerba.



*Abitabiriye Ikiganiro Nyunguranabitekerezo ku byuho bya ruswa n'ingamba zo kuyirwanya*



*Umuvunyi Mukuru Anastase Murekezi yavuze ko ari ingenzi gufatanya mu kurandura ibyuho bya ruswa*



*Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Dr Ntezilyayo Faustin mu ijambo rye ritangiza ikiganiro nyunguranabitekerezo*

# Dr. Ron Adam, Ambasaderi wa Leta ya Isiraheli yashimye imikorere y' Urwego rw'umuvunyi mu Rwanda



*Umuvunyi wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya Ruswa(iburyo) Umuvunyi Mukuru(hagati), Dr.Ron Adam Ambasaderi wa Isiraheli mu Rwanda*

Kuwa Kane tariki ya 5 Werurwe 2020, Umuvunyi Mukuru w'u Rwanda, Anastase Murekezi, Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya ruswa Bwana MUSANGABATWARE Clément, hamwe n'abandi bayobozi ku Rwego rw'Umuvunyi, bakiriye Ambasaderi wa Leta ya Isiraheli mu Rwanda, Dr. Ron Adam.

Ambasaderi Ron yasuye Urwego rw'Umuvunyi agamije kumenya imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi mu Rwanda n'inshingano rufite mu gukemura ibibazo by'akarengane no kurwanya no gukumira ruswa.
Umuvunyi Mukuru, Anastase Murekezi yasangije Ambasaderi Ron ubunararibonye bw'Urwego ku ngamba Leta y'u Rwanda yafashe mu gukumira no kurwanya ruswa ndetse n'akarengane.

Yagize ati: "Guverinoma y'u Rwanda yafashe ingamba nyinshi zo kurwanya ruswa n'akarengane kandi ibyo bijyanye n'ubushake bwa politiki nziza yimakajwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame yo kutihanganira abatanga n'abakira ruswa. Hashyizweho kandi amategeko hashyirwaho n'inzego zitandukanye."

Ambasaderi Ron yasobanuriwe ko nkuko biteganywa, mu ngingo ya 4 y'itegeko no 76/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imitunganyirize n'imikorere, ko Urwego rw'Umuvunyi ari ikigo icyarimwe gishinzwe mu gukemura ibibazo by'akarengane; gukumira no kurwanya ruswa; gukurikirana imiyoborere myiza no guteza imbere ubunyangamugayo no gukorera mu mucyo.

Ambasaderi Ron yashimye imbaraga z'u Rwanda ku ngamba zifatika zafashwe zo kurwanya ruswa n'akarengane kandi ashimira ububasha bwihariye bw'Urwego rw'Umuvunyi bwo gusuzuma no gusaba gusubirishamo imanza zimwe na zimwe ku mpamvu z'akarengane avuga ko uyu mwihariko w'u Rwanda ushobora gukumira ahaboneka akarengane hose.

Ambasaderi Adam Ron yasangije Urwego rw'Umuvunyi ubunararibonye bwa Leta ya Isiraheli aho yavuze ko nubwo Isiraheli idafite Itegeko Nshinga, ariko bafite amategeko 12 y'ibanze n'amategeko asanzwe. Isiraheli yatangije ikigo "Ibiro by'umuvunyi akaba n'umugenzuzi (The Controller and Ombudsman Office)" bifite inshingano zo kurwanya ruswa.

Yishimiye cyane ibyo yigiye ku bunararibonye bw'u Rwanda cyane cyane mu kumenyekanisha umutungo no

gukora iperereza no gukurikirana imanza za ruswa mu buryo butandukanye n'ikigo cye. Yagize ati: "Ndashimira byimazeyo ubutwererane bw'u Rwanda na Leta ya Isiraheli. Nize byinshi cyane! "

Ambasaderi n'Umuvunyi Mukuru bemeye gutangira imikoranire mu gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane hagati y'Urwego rw'Umuvunyi mu Rwanda n'Ibiro by'Umuvunyi akaba n'Umugenzuzi muri Isiraheli (The Controller and Ombudsman Office).

***Umwanditsi: MBARUSHIMANA J. Paul***



# Urwego rw'Umuvunyi rwaganirije Intumwa zo muri Mozambique ku buryo rukoresha mu kwimakaza Imyitwarire myiza no kurwanya ruswa mu bayobozi



*Jean Aimé KAJANGANA, Umuyobozi w'Ishami rishinzwe imyitwarire y'Abayobozi n'ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko ryerekeye kubona amakuru*

Ku wa gatatu tariki ya 19 Gashyantare 2020, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye Itsinda riturutse mu gihugu cya Mozambique ryaje kwigira ku Rwanda mu bijyanye no kurwanya ruswa.

Iri tsinda rigizwe n'abantu batatu ryaje riturutse mu kigo gishinzwe ingufu z'amashanyarazi cyitwa Electicidade do Mocambique (EDM), Urwego rw'Umuvunyi rukaba rwaraganiriye n'iri tsinda ku ngingo zinyuranye zirimo amavu n'amavuko y'Urwego rw'Umuvunyi mu Rwanda, imikorere yarwo n'uburyo rushyira mu bikorwa inshingano zarwo, imyitwarire y'abayobozi, kurwanya ruswa, guhugura abakozi n'ibindi.


Ivone Manganhela Bambo waje ayoboye iri tsinda akaba n'umuyobozi w'Ishami rishinzwe Imyitwarire mu kigo EDM yasobanuye ko iri shami akuriye bakoramo imirimo nk'iy'Umuvunyi akora mu bindi bihugu kandi rikaba rikorera munsi ya komite ishinzwe imyitwarire ku rwego rw'Igihugu (National Ethic Committee)

Yagize ati: ***"Abakozi bagera ku bihumbi bine (4000) bakora muri EDM buri umwe abona ubutumwa bujyanye n'imyitwarire myiza kuri mudasobwa ye buri gitondo mbere y'uko abasha kuyifungura ngo akore akazi."***

Mu byatumye bakora ingendoshuri niko Urwego bakoramo rukiri ruto kuko rwaratangiye muri Nyakanga 2018 rushingwa Imyitwarire n'Ubuvunyi nk'uko byari byemejwe muri 2016. Ibi ngo bivuze ko bagikeneye ubunararibonye bw'ibindi bihugu bisanzwe byaratangiye urugamba rwo kurwanya ruswa, imyitwarire y'abayobozi n'ibindi.

Itsinda ryasuye Urwego rw'Umuvunyi ryageze mu Rwanda tariki ya 17 Gashyantare 2020 bakaba barakiriwe mu gihugu n'ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu (REG).

***Umwanditsi: Amri Safari***



# Mu Rwanda hatangijwe Icyumweru cyahariwe kubona amakuru



*Umuvunyi Mukuru atanga ikiganiro mu nama nyungabitekerezo*

Kuva tariki 27 Mutarama 2020, mu Rwanda hatangijwe icyumweru cyahariwe kubona amakuru.

Iki cyumweru cyatangijwe n'ibiganiro kuri Radio, kigizwe n'ibikorwa byinshi binyuranye bigamije gukora ubukangurambaga kuri iri tegeko ryerekeye kubona amakuru.

Bimwe mu bikorwa byaranze iki cyumweru cyo mu mwaka wa 2020, harimo gutanga ubutumwa bunyuze mu ikinamico, Ibiganiro mu itangazamakuru, ikiganiro nyunguranabitekerezo, gutanga imfashanyigisho kuri iri tegeko n'ibindi.

## IBIGANIRO MU ITANGAZAMAKURU



*Kajangana Jean Aime na Gerald Mbanda batanga ikiganiro kuri Radio Isangano*

Mu gutanga ubutumwa hakorwa ubukangurambaga kuri iri tegeko ryerekeye kubona amakuru, hakoreshejwe itangazamakuru mu rwego rwo kugeza ubutumwa ku baturarwanda benshi. kimwe mu biganiro byabaye ni ikiganiro cyabereye kuri Radio Isangano ikorera mu Karere ka Karongi cyatanzwe na KAJANGANA Jean Aimé Umuyobozi ushinzwe imyitwarire y'Abakozi na Gerald MBANDA ukuriye ishami rishinzwe iterambere ry'Itangazamakuru mu Kigo cy'Igihugu cy'Imiyoborere (RGB).

## IKINAMICO



*Abakinnyi bo mu itsinda Mashirika*

Mu urwego rwo kugeza ubutumwa ku baturarwanda benshi kandi binyuze mu buryo bunoze, Urwego rw'Umuvunyi rubinyujije mu Itorero Mashirika rwateguye umukino w'ikinamico urimo ubutumwa ku Itegeko ryerekeye kubona amakuru.

## IKIGANIRO NYUNGURANABITEKEREZO KU ITEGEKO RYEREKEYE KUBONA AMAKURU



*Abitabiriye ikiganiro nyunguranabitekerezo ku itegeko ryerekeye ukobona amakuru*


Ku ikubitiro uyu mukino wakiniwe mu karere ka Karongi, umurenge wa Rubengera.

Uretse kuba abitabiriye kureba iyi kinamico barishimiye umukino beretswe, banaboneyeho kugezwaho ubutumwa bujyanye n'itegeko ryerekeye kubona amakuru bahawe na KAJANGANA Jean Aimé, Umuyobozi w'Ishami rishinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'iri tegeko.

Tariki ya 30 Mutarama 2020 mu cyumba cy'inama cya Golf Eden Rock Hotel, mu karere ka Karongi habereye Inama nyunguranabitekerezo kuri iri tegeko ikaba yarahuje inzego zinyuranye zirimo Urwego rw'Umuvunyi na RGB nk'ababiteguye, Guverineri w'Intara y'Uburengerazuba, Abayobozi b'akarere ka Karongi, abashinzwe umutekano, Abayobozi b'imirenge, abavuga rikumvikana ndetse n'abandi bafatanyabikorwa mu itangazamakuru barimo Media High Council na Rwanda Media Commission.

Muri iyi nama hatanzwe ibiganiro ku itegeko ryerekeye kubona amakuru, hatangwa ibitekerezo, hagaragazwa imbogamizi zigihari ndetse n'ibindi.

*Umwanditsi: Amri Safari*



# Urwego rw'Umuvunyi rwasubije ibibazo byabajijwe n'Inteko Ishingamategeko



*Umuvunyi Mukuru asubiza bimwe mu bibazo byabazwaga n'Abadepite*

Ku butumire bw'Inteko Ishingamategeko,Umutwe w'Abadepite, Komisiyo ya Politiki, Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagabo n'Abagore mu Iterambere ry'Igihugu, ku wa kane taliki ya 6 Gashyantare 2020, Komisiyo yagiranye ikiganiro n'Urwego rw'Umuvunyi ku bibazo byagaragaye muri raporo y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi by'umwaka wa 2018-2019; aho Umuvunyi Mukuru yagize icyo avuga ku bibazo byabajijwe n'Abadepite.

Umuvunyi Mukuru, Anastase Murekezi yabwiye Abadepite bagize Komisiyo ya Politiki, Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagabo n'Abagore mu Iterambere ry'Igihugu, ko bashimishwa cyane n'ubufatanye bw'Urwego rw'Umuvunyi n'Abadepite, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'izindi nzego mu kurwanya ruswa n'akarengane.

Abadepite babajije niba Abayobozi batandukanye bo mu Turere bazi cyangwa bubahiriza ibiri mu itegeko ngenga rigena imyitwarire y'abayobozi kuko Urwego rw'Umuvunyi rwabahuguye. Umuvunyi Mukuru, Anastase Murekezi yababwiye ko basanze hari abatazi ibyerekeye uburyo bwo kwakira no gutanga impano zitangwa mu rwego rw'akazi. Ibi bigatuma habaho kwitiranya impano bahabwa mu rwego rw'akazi cyangwa mu buzima busanzwe, kuba batazi ko akazi bakora katabangikanywa no kuba mu buyobozi bw'amashyirahamwe (NGOs) no kutamenya amasezerano batemerewe gukora ku giti cyabo ndetse no gupiganira amasoko ya Leta binyuze ku kigo afitemo imigabane.

Urwego rw'Umuvunyi rugasaba ko abayobozi bagomba kubahiriza icyo amategeko ateganya kuri izo ngingo cyane cyane abashya binjira mu kazi nabo bakihutira kumenya ibyo amategeko abemerera gukora n'ibyo ababuza.

Abadepite bifuje kumenya ubumenyi abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye bafite kuri ruswa kuko bagiye bahabwa ibiganiro n'Urwego rw'Umuvunyi, ndetse bibaza niba nta byuho bagaragaza mu buzima babamo ku ishuri. Basubijwe ko babona mu bukangurambaga butangwa mu mashuri yisumbuye, bigaragara ko n'ubwo muri bo hari abazi ruswa, imyumvire y'abanyeshuri kuri ruswa



*Umuvunyi Wungirije Ushinzwe Gukumira no Kurwanya Akarengane, Madamu Yankulije Odette asubiza bimwe mu bibazo byabazwaga n'Abadepite birebana n'akarengane*



*Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwa Ruswa, Bwana Musangabatware Clement asubiza bimwe mu bibazo byabajijwe byerekeye kurwanya ruswa*

ikiri hasi ku buryo ubukangurambaga buzakomeza kwitabwaho kuko n'Ubuyobozi bw'Ibigo bugaragaza ubushake mu kurwanya ruswa.

Umuvunyi Mukuru ati"Abanyeshuri n'ubwo nta byuho bagaragaza, ariko ibyuho bya ruswa birashoboka haba mu myigishirize no mu micungire y'umutungo w'Ikigo nka ruswa ishingiye ku gitsina, ku nyereza umutungo n'ibindi".

Abadepite bibajije impamvu Urwego rw'Umuvunyi rwahisemo guha ibiganiro mbwirwa ruhame abagize Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko n'Urugaga rw'Abahanga mu by'Ubwubatsi muri gahunda yo gukumira no kurwanya ruswa n'ibyuho byaba bigaragara muri ibyo byiciro.

Umuvunyi Mukuru, Anastase Murekezi yababwiye ko mu gutoranya ibi byiciro hashingiwe kuri serivisi batanga bitewe na "risks" za ruswa zishobora kubamo( Ibituma muri iyo myuga habamo ruswa) n'ingaruka byagira ku mibereho y'abantu. Batoranyijwemo kandi ngo hashingiwe ku makuru avuga ibyuho bya ruswa muri ibi byiciro. Murekezi ati" Aha twavuga nka ruswa mu kurangiza imanza, ruswa mu igenagaciro n'ibindi".

Muri gahunda yo kurwanya ruswa, Inama ngishwanama ku kurwanya ruswa n'akarengane ku nzego zose iriho, ikwiye kuba igira uruhare rugaragara ku buryo itanga umusaruro yitezweho. Abadepite bibajije ari mpamvu ki Inama Ngishwanama ku kurwanya ruswa n'akarengane zidakemura ibibazo uko bikwiye hamwe na hamwe aho zikorera nko gukemura ibibazo by'ingurane.

Umuvunyi Mukuru yavuze ko Imikorere y'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere yakunze



*Honorable Depite Rubagumya Furaha Emma, Perezida wa komisiyo hamwe n'Abandi badepite bagize Komisiyo babaza ibibazo*

kugaragaramo intege nke, ariko bitewe n'imbaraga zigenda zishyirwamo ku bufatanye bw'Urwego rw'Umuvunyi na MINALOC, imikorere yazo igenda ivugururwa zikaba zitezweho kuzatanga umusaruro ugaragara zishyiraho ingamba zihamye zo kurwanya ibibazo bya ruswa n'akarengane.

Ikindi ngo n'uko muri raporo zitangwa n'izo Nama bigaragara ko ziga ku bibazo bitandukanye by'akarengane. Mu gutangira ibiganiro, Honorable Depite Rubagumya Furaha Emma, Perezida wa komisiyo ya Politiki, Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagabo n'Abagore mu Iterambere ry'Igihugu mu nteko ishinga amategeko, na bagenzi be muri Komisiyo bashimye raporo bagejejweho n'Urwego rw'Umuvunyi kandi ko banyuzwe n'ibisobanuro bahawe basaba ko aho bagiye bagaragaza imikorere igomba kunozwa nk'uburyo bwo gukoresha ikoranabuhanga mu kurwanya ruswa n'akarengane ko byakwihutishwa anavuga ko bazatanga raporo ku nteko rusange.

# U Rwanda rwaje ku mwanya wa Kane muri Afurika n'uwa mbere mu karere mu kurwanya ruswa



*Umuvunyi Mukuru mu kumurika raporo*



*Ikimenyetso cyo kurwanya Ruswa*

Muri raporo yamuritswe ku wa Kane itariki ya 23/01/2020 n'Umuryango Mpuzamahanga urwanya ruswa n'akarengane, Transparency International, igaragaza ko u Rwanda rwagumye ku mwanya wa kane muri Afurika, naho muri aka Karere ruguma ku mwanya wa mbere. Ni imyanya yombi u Rwanda rwari runariho muri raporo iheruka.

U Rwanda ruri ku mwanya wa kane muri Afurika inyuma y'ibihugu nk'ibirwa bya Seychelles, Botswana n'ibirwa bya Cape Verde.

Icyegeranyo kizwi nka CPI (Corruption Perceptions Index) cy'Umuryango Mpuzamahanga urwanya Ruswa n'Akarengane Transparency International kigaragaza ko u Rwanda ruri ku mwanya wa 51 ku Isi n'amanota 53 mu gihe umwaka ushize wa 2018 cyagaragazaga ko ari urwa 48 n'amanota 56.

Kugeza ubu ibihugu bihagaze neza ku Isi mu kurwanya ruswa kurusha ibindi birimo Denmark, Nouvelle-Zélande, Finland, Singapore na Suède. Ibihugu bitanu bya nyuma byo ni Venezuela, Yémen, Syria, Sudani y'Epfo na Somalia. U Rwanda ni cyo gihugu cyonyine muri aka karere gifite amanota ari hejuru ya 50 % kuko ibihugu nka Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo ifite 18, Uganda ifite 28, u Burundi bufite 19 naho Tanzania ifite 37%.

Hamurikwa iyi Raporo, Umuvunyi Mukuru, Anastase Murekezi, yavuze ko umwanya u Rwanda rufite atari mubi, ariko unagaragaza ko ingamba zihari zikeneye kongerwamo imbaraga.

Yavuze ko Urwego rw'Umuvunyi rurimo gutegura ubukangurambaga ku kurwanya ruswa n'akarengane, bwitezweho umusanzu mu kurwanya ruswa.

Iyi raporo ngarukamwaka ya Transparency International, yakozwe hasesengurwa raporo kuri ruswa, mu bihugu 180.

Iki cyegeranyo kigaragaza ko mu bihugu 180 byakozweho 2/3 byabyo bifite amanota ari munsi ya 50%, impuzandego y'amanota ku rwego rw'Isi ari 43% mu gihe muri Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara ari 32%.

***Umwanditsi: MBARUSHIMANA J. Paul***



# Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi baganiriye ku butwari bwaranze abanyarwanda bitegura umunsi w'Intwari z'u Rwanda



*General Fred IBINGIRA ari kumwe n'Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi bungarije mu kiganiro ku butwari bwaranze Abanyarwanda*

Kuwa gatanu tariki ya 31 Mutarama 2020, Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bakoze ikiganiro ku Ntwari z'u Rwanda ndetse no ku butwari nyir'izina.

Iki kiganiro cyabereye ku Urwego rw'Umuvunyi cyatanzwe na General Fred IBINGIRA waganirije abayobozi n'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi.

Ibi byari muri gahunda yo kwizihiza umunsi w'Intwari ku nshuro ya 26 ku nsanganyamatsiko igira iti: **« Ubutwari mu Banyarwanda, Agaciro kacu »**

Gen. IBINGIRA yavuze ko ibikorwa by'ubutwari biterwa n'impamvu zinyuranye aho muri izo mpamvu harimo no kwanga akarengane. Aha yasobanuye ko muri benshi bakoze ibikorwa by'ubutwari mu Rwanda harimo umutima wo kwanga akarengane mu banyarwanda barenganywaga.

Gen. IBINGIRA yaboneyeho gusaba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi kurwanya akarengane na Ruswa.

Yagize ati: "Mu bigo byashyizweho muri iki Gihugu harimo n'Urwego rw'Umuvunyi, kugira ngo rurwanye akarengane na ruswa. Nimukora akazi kanyu neza rero mugakumira akarengane muzaba muri mu nzira nziza ishyira imbere Ubutwari. Musigasire ibyo Intwari zazize ziri guca akarengane."

Umuvunyi Mukuru, Anastase Murekezi yagarutse ku butwari bwaranze MUTARA III Rudahigwa wabatijwe Charles Léon Pierre, wari Umwami w'u Rwanda wagaragaje ubutwari arwanya akarengane, mu butabera, abigaragariza mu Rukiko rw'Umwami no mu mirimo ya buri munsi aho kenshi cyane yabaga arenganura abaturage.

## Umwami MUTARA II Rudahigwa

Mu byaranze RUDAHIGWA ni uko yitaye cyane ku bujijuke bw'Abanyarwanda: ashinga Fonds Mutara, asaba Abayezuwiti gushinga Koleji i Gatagara, bayijyana i Bujumbura iba Collège International du Saint Esprit, ashinga Ishuri ry'Abayisilamu ku Ntwari ry'i Nyamirambo, ashinga amashuri adashingiye ku



*Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bitabiriye ikiganiro*


madini, ashinga Ishuri ry'Abenemutara ry'i Kanyanza anohereza Abanyarwanda ba mbere kwiga i Burayi.

Mutara wa III yakuyeho inkuke zakamirwaga Umwami yishakira ize bwite, akuraho imirimo y'agahato yitwaga akazi, akuraho ubuhake abagaragu bagabana na ba shebuja, ashaka gukuraho igitabo cy'umusoro cyanditsemo amokon ariko Ababiligi barabyanga.

Rudahigwa yahirimbaniye ubumwe n'ubwigenge by'Abanyarwanda.

Asoza iki kiganiro Umuvunyi Mukuru yashimiye urwego rushinzwe intwari z'igihugu, imidari n'impeta by'ishimwe, Minisiteri y'Ingabo na Gen. Fred IBINGIRA ku kiganiro cyiza abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bagejejweho kivuga ku butwari bw'abanyarwanda.

*Umwanditsi: Amri Safari*





# Umuvunyi Mukuru yasabye abaturage ba Muhanga kugira umuco wo gukemurira ibibazo mu miryango



*Umuvunyi Mukuru asaba abaturage n'abayobozi guha agaciro umuryango nk'ishingiro ryo gukemura ibibazo by'abaturage*

Umuvunyi Mukuru Murekezi Anastase yasabye abaturage bo mu murenge wa Nyamabuye, Akarere ka Muhanga, kugira umuco wo gukemurira ibibazo mu miryango.

Ibi yabivugiye mu karere ka Muhanga 21/01/2020 mu gikorwa cyo gutangiza ubukangurambaga bwo kurwanya ruswa n'akarengane kuri Stade ya Muhanga.

Imitungo y'abashakanye baka gatanya mu nkiko ni kimwe mu bibazo bikunze kunanirana gukemukira mu miryango bikagana inkiko, ndetse no kurangiza izo manza bikaba ibibazo kubera imiterere y'irangizarubanza nk'igihe hari imitungo itagaragazwa neza.

Umuvunyi Mukuru, Anastase Murekezi, yasabye abaturage n'inzego z'ibanze gufatanyiriza hamwe kunga no kumvikanisha abafitanye ikibazo kurusha kugana inkiko.

Avuga kandi ko hari imanza z'abaturage batajya bava ku izima bagakomeza gukururana mu nkiko, kandi ibibazo byabo byararangijwe neza n'inkiko abaturage bagakomeza kuburana urwa ndanze.

Ashingiye ku mibare igenda ihinduka buri mwaka, Umuvunyi Mukuru agaragaza ko akarengane katajya karenga 10% y'ibibazo urwo rwego rwakira, agasaba ko abaturage bajijuka bakamenya gukurikirana ibirego byabo haba mu kurangiza imanza, kuzijuririra no kwishyurira ibyatsindiwe ku gihe.

Agira ati "Mu bibazo twakira by'akarengane, usanga kagaragara gusa hagati ya 5% na 10%, bivuze ko abacamanza bacu baca neza imanza. 96% nta karengane kaba karimo muri rusange, cyakora ntibivuze ko ya 6% y'akarengane itagomba gukurikiranwa.

Muri ubwo bukangurambaga abaturage bahawe urubuga rusesuye bagaragaza ibibazo, usanga harimo n'ibiba bisanzwe bifitweho amakuru mu nzego zitandukanye ariko bakagaragazamo akarengane.

Umuvunyi Mukuru yibukije ko umuryango ukwiye kugira uruhare rukomeye mu gukemura ibibazo bishingiye ku



*Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga Kayitare Jacqueline*



*Abaturage bari bitabiriye ubukangurambaga bwo kurwanya no gukumira ruswa n'akarengane ari benshi muri Stade ya Muhanga*



*Abaturage nabo bahawe umwanya babaza ibibazo bishingiye ku karengane*

makimbirane aho kwihutira kubigeza mu nkiko. Ati "Umuryango ube ishingiro ryo gukemura ibi bibazo hagamijwe kugabanya ibigera mu nzego z'ubuyobozi ndetse no mu nkiko".

Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga Kayitare Jacqueline avuga ko muri aka karere mu bibazo abaturage bakunze kugaragaza hakunze kubonekamo ibishingiye ku ngurane ahanyujijwe ibikorwa remezo, n'amakimbirane ashingiye ku micungire y'imitungo.

Muri ubu bukangurambaga kandi abaturage basabwe gukoresha inzego zubakitse kugera ku mudugudu mu gutanga amakuru kuri ruswa.

Hanibukijwe kandi abayobozi ko muri gahunda y'ibikorwa bya buri rwego hajya hazamo ibiteganyijwe mu kurwanya ruswa n'akarengane kimwe n'uko muri raporo hajya hagaragazwa ibyakozwe kuri iyi ngingo.

Ubu bukangurambaga bwo kurwanya no gukumira Ruswa n'Akarengane isanzwe ikorwa mu turere twose, kuri iyi nshuro burakorerwa mu karere ka Muhanga aho abakozi n'abayobozi ku rwego rw'Umuvunyi bagiye mu mirenge yose igize aka karere baguhura n'abaturage mu rwego rwo kuborohereza kuzana ibibazo byabo aho Urwego rukorera.

# Ngororero: Umuvunyi Mukuru yavuze ko bari gukora ubuvugizi ku kibazo cy' ababerewemo imyenda y'ingurane



*Abitabiriye Inteko y'Abaturage mu murenge wa Ngororero, kuri Stade Rususa*

Mu Murenge wa Ngororero, Akarere ka Ngororero, Intara y'Uburengerazuba, atangiza ubukangurambaga bwo kurwanya no gukumira ruswa n'Akarengane mu karere ka Ngororero tariki 25 Gashyantare 2020, Umuvunyi Mukuru, Anastase Murekezi, yaganiriye n'abaturage ku bibazo by'akarengane na ruswa. Ubu bukangurambaga bwateguwe n'Urwego rw'Umuvunyi ku bufatanye n'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'i Burayi (EU) aho bifatanyije n'abaturage mu Nteko rusange.

Yasabye kandi abayobozi bo muri aka karere kwita ku bibazo by'abaturage, bigashakirwa umuti, hakarangizwa neza imanza kugira ngo abaturage badasiragira mu nzego.

Hari abaturage bagejeje ku Muvunyi Mukuru ikibazo bamaranye imyaka bavuga ko ari 10, aho bamaze iyi myaka yose batarahabwa ingurane ku byabo byangijwe mu mirenge itandukanye y'aka karere, begerezwa umuriro w'amashanyarazi.

Ni ikibazo Umuvunyi yasobanuriwe ko kireba Akarere, REG ndetse n'Ikigo cy'Igihugu gifite gutunganya imihanda mu nshingano (RTDA) ariko akarere kakavuga ko ku ruhande rwako aho kagombaga kwishyura Miliyoni 200 ubu kabaze izo kagomba kwishyura izisaga 120.

Umuvunyi Mukuru yijeje abaturage basigaye batarishyurwa ko bagiye guhabwa amafaranga yabo ku ngengo y'Imari y'uyu mwaka, abazasigara batayabonye bakazayabona ku iy'umwaka utaha.

Umuvunyi Mukuru yabwiye abaturage ko ikibazo cy'ingurane ku baturage benshi bangirijwe imitungo n'insinga z'imiriro mu cyahoze ari Electrogaz ubu cyabaye REG, ko hari miliyoni zigera kuri 286 bataraha abaturage kandi ari amafaranga yabo. Ni kimwe kandi n'ikigo gishinzwe guteza imbere ubwikorezi mu Rwanda RTDA.

Avuga ko ari amajyambere yari aje abasanga nta muturage wari kubyanga, ariko ko amajyambere atagomba gukenesha bamwe, avuga ko ibigo birimo iyi myenda byemera kwishyura ariko ko kubyemera gusa bidahagije bigomba kuvuga igihe bizishyurira abaturage.

Yagize ati "Ikibazo cy'ingurane ku mitungo yangijwe n'imishinga y'amajyambere, ni imishinga ahanini yazanywe na REG na RTDA. Birumvikana ko biriya bigo byari bizanye amajyambere buri wese yagombaga kwemera, n'ubwo byatwara imitungo iba igiye ku nyungu rusange z'abanyarwanda baturiye aho n'abahagenda. Ariko birumvikana ko uburenganzira bw'abantu bafite imitungo yangijwe n'imishinga y'amajyambere nabwo bugomba kubahirizwa".



*Abitabiriye Inteko y'Abaturage mu murenge wa Ngororero, kuri Stade Rususa*

Umuvunyi Mukuru Murekezi avuga ko mu gihe abaturage bafite ibibazo imiryango idatera imbere ndetse n'igihugu muri rusange, bityo agasaba abayobozi bose kumva ko bafite inshingano yo kubikemura mu mucyo birinda ko hagira urenganywa.

Yagize ati "Abarya ruswa bahemukira igihugu, bakanahemukira Abanyarwanda, abarya ruswa bo barakira abaturage bandi bagakena kandi ndakubwiye iyo abaturage benshi bagenda bakena ntabwo bashobora gukunda ubuyobozi, kandi mu gihe abayobozi n'abandi bakozi barya ruswa barimo kugenda bazamuka, icyo gihe abaturage bijundika ubuyobozi".

Yakomeje avuga ko ruswa ari ikintu kibi cyane ko gishobora guteranya abayobozi n'abaturage by'umwihariko ikanaba imbarutso y'umutekano muke mu gihugu.

Ati "Hariya mwumva ibisasu biturika burya akenshi baba batanze ruswa abagomba guhagarika abafite ibisasu bagahumiriza kuko bo baba bakuyemo ayabo, abaturage bagashira".

Moroni Xavier uhagarariye Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Iburayi nawe yari yitabiriye inteko ashima abaturage ko bitabiriye hamwe n'Urwego rw'Umuvunyi kubera iyi gahunda yo kwegera abaturage bagasobanurirwa uburenganzira bwabo n'inshingano mu gukumira no kurwanya akarengane na Ruswa

Umuvunyi mukuru yasabye kandi abaturage ba Ngororero kudahishira urenganya umuturage cyangwa urya ruswa kuko imunga ubukungu bw'igihugu ndetse ikangisha abaturage ubuyobozi. Gusa yabasabye ko mbere yo kugeza ibibazo byabo ku Rwego rw'Umuvunyi, bagomba kugira aho babanza kubinyuza harimo mu muryango, mu nzego z'ibanze, mu bunzi byagorana bakagana inkiko, abatanyuzwe bakabona kugana Urwego rw'Umuvunyi rukabikurikirana akarenganurwa, abibutsa ko bahamagara uru rwego ku nimero itishyurwa ya 199 cyangwa bakohereza ubutumwa bugufi kuri 1990.

***Umwanditsi: MBARUSHIMANA J. Paul***



# URUTONDE RW´ABAHAMWE BURUNDU N'ICYAHA CYA RUSWA KUVA MU UKWAKIRA 2019 KUGERA MURI MUTARAMA 2020

Dushingiye ku ngingo ya 4 (10º) y'Itegeko nº 76/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi isaba Urwego rw'Umuvunyi gukora no gutangaza urutonde rw'abahamwe burundu n'icyaha cya ruswa n'ibihano bahawe.

Dutangaje urutonde rukurikira rw'abahamwe n'icyaha cya ruswa n'ibihano bahawe kuva mu Ukwakira 2019 kugera muri Mutarama 2020.

Anastase Murekezi

Umuvunyi Mukuru

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | RP/ECON 00001/2017/TGI/NYG | NSABIMANA Angelus, mwene Ngango na Kankindi, utuye Ngarama- Gatsibo- Iburasizuba | Gabo | Principal cashier w'Ibitaro bya Nyagatare | TGI Nyagatare | Kunyereza umutungo w'amafaranga 27.496.692 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 55.117.540 |
| 2. | RPA 00088/2019/HC/MUS | MUSITARI Patrick, mwene Adam Baziri na Mutamuriza, utuye Gisenyi- Rubavu- Iburengerazuba | Gabo | Umukozi wa Sosiyeti yitwa Batsaida | HC Musanze | Kunyereza umutungo w'amadolari 21.936 n'amafaranga 720.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 1.000.000 |
| 3. | RPA 00162/2019/HC/RSZ | KAYONGA Modeste, mwene Kajabo Paul na Kanyenzi, utuye Kirimbi- Nyamasheke- Iburengerazuba | Gabo | Umuyobozi w'Ikigo cy'Amashuli E.S. Gafunzo | HC Rusizi | Kunyereza umutungo w'amafaranga 8.809.800 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 9.000.000 |
| | CMB RPA/ECON 00011/2019/HC/RSZ | SANZIRA Silas, mwene Nteziyaremye Pascal na Mukasangano Fausta, utuye Nyabitekeri- Nyamasheke- Iburengerazuba | Gabo | Umucungamutungo w'Ikigo cy'Amashuli | | | |
| 4. | RPA 00957/2019/HC/KIG | UMUHIRE Odette, mwene Rukeribuga Jérôme na Nyiransabimana Nerie, utuye Gatsata- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gore | Umukozi ushinzwe gucuruza isima muri Sosiyeti DISTINCTION LTD | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 7.835.000 | Igifungo cy'imyaka 8 n'ihazabu y'amafaranga 23.505.000 |
| | | ITANGIMBABAZI Jean Bosco, mwene Nsengiyumva Sébastien na Kibingana Jessica, utuye Kacyiru- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umucungamutungo wa Sosiyeti DISTINCTION LTD | | | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 23.505.000 |

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 5. | RP 00642/2018/ TGI/RBV | DUKUNDANE Jean Claude | Gabo | Perezida wa Coperative WOWE NANJYE | TGI Rubavu | Kunyereza umutungo w'amafaranga 7.421.000 | Igifungo cy'imyaka 8 n'ihazabu y'amafaranga 14.842.000 |
| 6. | RPA 00233/2019/ HC/KIG | MUGUME Francis, mwene Gatete na Kagoyire, utuye Gikondo- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umunyeshuri | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 6.683.522 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 13.367.044 |
| 7. | RPA 00944/2018/ HC/KIG | NGIRUWONSANGA Aimable, mwene Kanyesake na Nyirakaringo, utuye Kacyiru- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi wa Sosiyeti yitwa NGALI HOLDINGS LTD | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 6.674.075 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 2.857.280 |
| 8. | R P A ECO00019/2019/ HC/KIG | ITWIBUKA Credo, mwene Kubwimana na Mwiseneza, utuye Masoro- Rulindo- Amajyaruguru | Gore | U s h i n z w e umutungo/ SACCO Masoro | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 3.649.500 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 3.649.500 |
| 9. | RP 00438/2018/ TGI/RBV | HABINEZA Joël, mwene Safari Etienne na Mukankusi Marie, utuye Nyundo- Rubavu- Iburengerazuba | Gabo | Umucungamutungo wa Banki | TGI Rubavu | Kunyereza umutungo w'amafaranga 3.000.000 | Igifungo cy'umwaka 1 usubitswe mu gihe cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 1.000.000 |
| 10. | RPA 00121/2019/ HC/RSZ | INGABIRE Donatien, mwene Musemakweri Christophe na Mukabareke Speciose, utuye Nyakarenzo- Rusizi- Iburengerazuba | Gabo | Umukozi wa SACCO ushinzwe isanduku | HC Rusizi | Kunyereza umutungo w'amafaranga 2.520.200 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 8.000.000 |
| 11. | R P A / E C O N 00040/2019/HC/ KIG | NGABONZIZA Hakim, mwene Nkurunziza na Nyinawabasinga, utuye Gisozi- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi wa Banki ya Kigali | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 1.000.000 | Igifungo cy'imyaka 8 n'ihazabu y'amafaranga 2.000.000 |
| 12. | RPA 00538/2019/ HC/KIG | BARISHIMA Bragas, mwene Sibomana Joseph na Ufitinema M.Claire, utuye Gatenga- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi ushinzwe Isanduka muri AFRICABET CO LTD | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 971.953 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 1.943.906 |
| 13. | RPA 00124/2019/ HC/RSZ | KANGURA Eulade, mwene Nsanzurwimo Emmanuel na Nyirabagenzi Fortunée, utuye Kamembe- Rusizi- Iburengerazuba | Gabo | Umukozi wa BNR ushinzwe gutandukanya inoti zishaje n'inshya. | HC Rusizi | Kunyereza umutungo w'amafaranga 770.000 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 2.310.000 |
| 14. | R P / ECON00006/2019/ TGI/KNG | USABYIMANA Marianne, mwene Nyirinkwaya Evariste na Mukabitega Bernadette, utuye Bwishyura- Karongi- Iburengerazuba | Gore | Umukozi wa Tubura | TGI Karongi | Kunyereza umutungo w'amafaranga 762.255 | Igifungo cy'imyaka 8 n'ihazabu y'amafaranga 2.286.765 |
| 15. | RP 00324/2017/ TGI/NYG | IRUNGA Eric, mwene Irunga Jerôme na Ndayi Mariam, utuye Rukomo- Nyagatare- Iburasirazuba | Gabo | Manager wa station ya Essance yitwa DELTA PETROLIUM | TGI Nyagatare | Kunyereza umutungo w'amafaranga 673.960 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 3.000.000 |

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 16. | RPA 00008/2019/HC/MUS | DUKUNDANE Lionnel, mwene Ntibisasirwa na Niyigena, utuye Rugengabali- Burera- Amajyaruguru | Gabo | Umukozi ushinzwe amashyamba w'Umurenge wa Rugengabali | HC Musanze | Kunyereza umutungo w'amafaranga 546.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 1.092.000 |
| 17. | RP/ECON 00013/2017/TGI/NYG | NGENDAHAYO Jean Marie Vianney, mwene Masabo na Mukankusi, utuye Kiramuruzi- Gatsibo- Iburasirazuba | Gabo | Umukozi wacuruzaga Depot y'inzoga ya Karamira Peter | TGI Nyagatare | Kunyereza umutungo w'amafaranga 332.000 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 996.000 |
| 18. | RPA/ECON/00008/2019/HC/KIGECON/00008/2019/HC/KIG | HABIMANA Felicien Abudo, mwene Nkubana na Numukobwa, utuye Muko- Gicumbi- Amajyaruguru | Gabo | Uhagarariye RSSB ku Kigo Nderabuzima cya Muko | HK Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 327.000 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 654.000 |
| 19. | RPA/ECON 00024/2019/HC/KIG | UWIMANA Vincent, mwene Mutabaruka Elie na Itangishaka Lenatha, utuye Niboye- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi w'Irembo | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 309.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 927.000 |
| 20. | RPA/ECON 00004/2019/HC/KIG | MUKANEZA Florence, mwene Ngendahimana na Mukakayonga, utuye Ruvune- Gicumbi- Amajyaruguru | Gore | Umucungamutungo w'Ikigo Nderabuzima cya Ruvune | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 156.000 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 1.760.000 |
| 21. | RPA 00097/2019/HC/MUS | INGABIRE Gisele, mwene Bayagambe na Mukakidederi, utuye Busogo- Musanze- Amajyaruguru | Gore | Umukozi wari ushinzwe Ububiko mu kubaka Umudugudu wa Bahimba | HC Musanze | Kunyereza ibikoresho by'ubwubatsi | Igifungo cy'imyaka 7 |
| 22. | RP 00269/2018/TGI/NYG | MUTABARUKA Eric, mwene Museruka Céléstin na Batamuriza Agnes, utuye Gahini- Kayonza- Iburasirazuba | Gabo | Umushumba | TGI Nyagatare | Kunyereza ihene 27 | Igifungo cy'imyaka 7 |
| 23. | RPA 00025/2019/HC/MUS | MBARUSHIMANA Moise, mwene Barushwanubusa na Njyagahe, utuye Karago- Nyabihu- Iburengerazuba | Gabo | Umuyobozi wa Koperative Twesimihigo Karago | HC Musanze | - | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 500.000 |
| 24. | RP/ECON 00008/2019/TGI/MUS | ISHIMWE Christopher, mwene Ndangamira Servilien na Mukagaga Illuminee | Gabo | Manager SP Musanze II | TGI Musanze | - | Igifungo cy'imyaka 10 n'ihazabu y'amafaranga 11.011.660 |
| 25. | RPA/ECON 00032/2019/HC/KIG | GAKWAYA Albert,mwene Mukarage na Adela Pascasie, utuye Byumba- Gicumbi- Amajyaruguru | Gabo | Umufundi | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 250.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 750.000 |
| | | MUGUNGA Désiré, mwene Mikwege Ignace na Nyirabutama Marie Ester, utuye Kageyo- Gicumbi- Amajyaruguru | Gabo | Umuhinzi | | | Igifungo cy'imyaka 8 n'ihazabu y'amafaranga 1.250.000 |

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 26. | RP/ ECON00007/2019/ TGI/KNG | RUSHINGABIGWI Philippe, mwene Ngamije na Mukarubuga, utuye Gihango- Rutsiro- Iburengerazuba | Gabo | Umukozi wa EUCL | TGI Karongi | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 100.000 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 3.000.000 |
| 27. | RPA/ECON 00003/2019/HC/ RSZ | MUSEMA Jean, mwene Fundi Evariste na Kankera Angela, utuye Kamembe- Rusizi- Iburengerazuba | Gabo | Umucuruzi w'imyenda | HC Rusizi | Gutanga indonke y'amafaranga 80.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 240.000 |
| | | NSHIMIYIMANA Felicien, mwene Nambaje Modeste na Bayavuge Elevania, utuye Mururu- Rusizi- Iburengerazuba | Gabo | Umukarani | | | |
| 28. | RP 00631/2017/ TGI/NYGE | GASASIRA Serge, mwene Gasasira Francois na Ntakirutimana, utuye Nyakabanda- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Nyarugenge | Gutanga indonke y'amafaranga 80.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 400.000 |
| 29. | RPA 00245/2019/ HC/KIG | GATEBUKA Fidèle, mwene Kango na Mukandutiye Immaculée, utuye Gahanga- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi wa WASAC | HC Nyanza | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 50.000 | Igifungo cy' imyaka 5 n'amezi 5 n'ihazabu y'amafaranga 200.000 |
| 30. | RP/ECON 00008/2019/TGI/ MHG | URATWEMUBYEYI Jean Bosco, mwene Habiyeze François na Nyirabaganwa Agnès, utuye Mwendo- Ruhango- Amajyepfo | Gabo | | TGI Muhanga | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 40,000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'umunsi 1 n'ihazabu y'amafaranga 120.000 |
| 31. | RPA00714/2018/ HC/RWG | NTAWURIKURA Isaac, mwene Irinigu-mugabo na Ahobantegeye, utuye Gatore- Kirehe- Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | HC Rwamagana | Gutanga indonke y'amafaranga 40.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 80.000 |
| | | NYABYENDA Célestin, mwene Senungu na Nyirakamagaza, utuye Macuba- Nya-masheke- Iburengerazuba | Gabo | Umuhinzi | | | |
| 32. | RP/ECON 00110/2019/TGI/ NYGE | KATABARWA Saul, mwene Katabarwa Henri na Uwamahoro Olive, ubarizwa Amajyambere- Kamatamu-Kacyiru- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi ushinzwe umutekano | TGI Nyarugenge | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 40.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 200.000 |
| 33. | RP/ECON 00004/2020/TGI/ MHG | NDACYAYISABA Olivier, mwene Nsengumuremyi Malachie na Manirarora Léonie, utuye Kayenzi- Kamonyi- Amajyepfo | Gabo | Umumotari | TGI Muhanga | Gutanga indonke y'amafaranga 30.000 | Igifungo cy'imyaka 7 n'amezi 2 n'ihazabu y'amafaranga 90.000 |
| 34. | RPA/ECON 00009/2018/HC/ MUS | NTAKIRUTIMANA Samuel alias Kazungu, mwene Bihoyiki na Kabanyana, utuye Cyuve- Musanze- Amajyaruguru | Gabo | Umuhinzi | HC Musanze | Gutanga indonke y'amafaranga 30.000 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y' amafaranga 150.000 |

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 35. | RPA 00153/2019/ HC/KIG | MUKESHANEZA Thierry, mwene Butera François na Mukamakuza, utuye Gatsata- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umupolisi | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy' imyaka 2 isubitswe mu gihe cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 40.000 |
| 36. | RPA/ECON 00008/2019/HC/ RWG-RPA/ECON 00018/2019/HC/ RWG | IP BIZIMUNGU Christophe, mwene Gasigwa Simon na Cyizanye Ancille, utuye Rwinkwavu- Kayonza- Iburasirazuba | Gabo | Umupolisi | HC Rwamagana | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'imyaka 3 |
| 37. | RPA00070/2019/ HC/RWG | TUMUKUNDE Patrick, mwene Nkunda Pierre na Mutuyimana Beatrice, utuye Kibungo- Ngoma- Iburasirazuba | Gabo | Umumotari | HC Rwamagana | Gutanga indonke y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| 38. | RPA/ECON 00008/2019/HC/ RSZ | MUDAGA Jean Marie, Vianney mwene Nzabarinda Louis na Nyirabageni Madeline, utuye Cyanika- Burera- Amajyaruguru | Gabo | Umugenzacyaha | HC Rusizi | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 15.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 300.000 |
| | | NZEYIMANA Vulpien, mwene Kavubu Wilifild na Mukadirigishi Marie, utuye Kagano- Nyamasheke- Iburengerazuba | Gabo | Umuturage/ | | | |
| 39. | RP/ECON 00022/2019/TGI/ GSBO | HAKORIMANA Faustin, mwene Nzeyimana Augustin na Mukamana Drocelle, utuye Jabana- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umusekirite w'abamotari | TGI Gasabo | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 15.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ukwezi 1 n'ihazabu y'amafaranga 30.000 |
| | | UWIMANA Innocent, mwene Nkinamubanzi na Mukantwali, utuye Jabana- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | | | | |
| 40. | RPA/ECON 00037/2019/HC/ KIG | NDAGIJIMANA Venuste, mwene Yirarunigi na Riberakurora, utuye Gatenga- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | DASSO | HC Kigali | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 12.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 40.000 |
| | | BIZIMANA Sylvestre, mwene Renzaho Védaste na Mukandutiye Epiphanie, utuye Gatenga- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umunyonzi | | | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 12.000 |
| 41. | RP 00222/2019/ TGI/NYGE | MURWANASHYAKA Pierre, mwene Habimana Egide na Uwambaje Marie Solange, utuye Kanyinya- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Icyo akora ntikizwi | TGI Nyarugenge | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 12.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 46.000 |
| 42. | RPA 00177/2019/ HC/KIG | UWIMANA Dieudonnee, mwene Karemangingo na Kampirwa, utuye Gatsata- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 43. | RPA 00551/2019/ HC/KIG | MUSHINZIMANA Jacques, mwene Nkurikiyimfura Alphonse na Mukabutera Candida, utuye Nyamirambo- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umunyerondo | HC Kigali | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy' imyaka 4 n'ihazabu y'amafaranga 30.000 |
| 44. | RPA00238/2019/ HC/KIG | UMUHOZA KARANGWA, mwene Karinda Pierre Celestin na Mukarurinda Celine, utuye Gashora- Bugesera- Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy' imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 30.000 |
| | | KARANGWA Desire, mwene Karangwa Andre na Semujangari Anne Marie, utuye Gacurabwenge- Kamonyi- Amajyepfo | Gabo | Umumotari | | Gutanga indonke y'amafaranga 4.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 12.000 |
| 45. | RPA 00441/2019/ HC/KIG | IYAMUREMYE Theodaste, mwene Karegeya Augustin na Kashera Bitonda, utuye Kanombe- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umucuruzi | HC Kigali | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| 46. | RPA/ECON 00044/2019/HC/ KIG | HARINDINTWARI François, mwene Rwagaju Daniel na Nyirambonyimpundu, utuye Bumbogo- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umumotari | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 60.000 |
| | | TWAGIRIMANA Jean Claude, mwene Nangwanabahafi Laurent na Nyirasafari, utuye Bumbogo- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | | | | |
| 47. | RP 00382/2018/ TGI/NYG | NIKUZE Marie Louise, mwene Nsabimana na Mukaremera, utuye Gitega- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gore | Icyo akora ntikizwi | TGI Nyarugenge | Gutanga indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| 48. | RP/ECON 00033/2019/TGI/ GSBO | NZABANITA Etienne, mwene Sebuhoro Michel na Nyirambonyubwabo, utuye Nyamata- Bugesera- Iburasuirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Gasabo | Gutanga indonke y'amafaranga 8.000 | Igifungo cy'imyaka 5, imyaka 4 isubitswe mu gihe cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 24.000 |
| 49. | RPA 00572/2019/ HC/KIG | NKUNZIMANA, mwene Ntabareshya na Mukagatare Francoise, utuye Gikondo- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umumotari | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 6.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 30.000 |
| 50. | RPA/ECON 00052/2019/HC/ KIG | MURENZI Emmanuel, mwene Rumiya Augustin na Mukangwije Immaculée, utuye Kanombe- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umumotari | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 51. | RPA/ECON 00047/2019/HC/ KIG | ZIRIMWABAGABO Yusufu, mwene Rwamukori na Hitabatuma, utuye Rukoma- Kamonyi- Amajyepfo | Gabo | Umumotari | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 52. | RP 00355/2018/ TGI/NYGE | BIZIMANA Evariste, mwene Kabagenda na Nyirantore, utuye Kanombe- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umumotari | TGI Nyarugenge | Gutanga indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 15.000 |
| 53. | RP00830/2017/ TGI/NYGE | NTAKIRUTIMANA Michel, mwene Munyensanga na Mukamulisa, utuye Kimisagara- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umucuruzi | TGI Nyarugenge | Gutanga indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 25.000 |
| 54. | RP/ 00985/2018/ TGI/NYGE | MUMARARUNGU Innocent, mwene Mberaguhakwa na Kangabe, utuye Kayenzi- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Nyarugenge | Gutanga indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 55. | RP/ECON 00065/2019/TGI/ NYGE | KAGANGO Marcellin, mwene Kababanda Emmanuel na Mukankangura Godelieve, utuye Shyorongi- Rulindo- Amajyaruguru | Gabo | Umushoferi | TGI Nyarugenge | Gutanga indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 15.000 |
| 56. | RPA/ECON 00039/2019/HC/ KIG | KIRENGA Albert, mwene Munyandenzi Leopold na Nyirabacece Florida, utuye Jali- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Ushinzwe disipuline y'abamotari | HC Kigali | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 3.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 15.000 |
| 57. | RP/ECON 00566/2017/TGI/ NYGE | RIBANJE Emmanuel, mwene Bapfakurera Gaspard na Mukarusagara, utuye Muhima- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umuzunguzayi | TGI Nyarugenge | Gutanga indonke y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |

**Abahamwe n'icyaha cya ruswa guhera mu Ukwakira 2019 kugera muri Mutarama 2020 ni abantu 67.**

**Muri abo bahamwe n'icyaha, 61 bakaba ari igitsina gabo naho 6 ni igitsina gore.**

**Ibisobanuro:**

**TGI: Urukiko Rwisumbuye**

**HC: Urukiko Rukuru**

# AMAHAME NGENDERWAHO MU KUGENZA IBYAHA BYA RUSWA

Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano zitandukanye zigaragara mu ngingo ya kane (4) y'Itegeko N° 76/2013 ryo kuwa 11/9/2013 rigena Inshingano, Ububasha, Imiterere n'Imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi. Imwe muri izo nshingano ni ugukumira no kurwanya ruswa n'akarengane mu nzego z'Ubutegetsi za Leta n'Izigenga.

Mu gushyira mu bikorwa iyo nshingano, Urwego rw'Umuvunyi rwahawe n'iryo Tegeko ububasha bw'ubugenzacyaha (ingingo ya 11), ubw'ubushinjacyaha (ingingo ya 13) n'ubwo kugaruza umutungo (ingingo ya 14).

Muri iyi nyandiko turavuga ku bintu bitatu by'ingenzi birimo icyo iperereza (investigation) ari cyo, ibyaha bya ruswa Urwego rw'Umuvunyi rufitiye ububasha bwo kugenza n'amahame ngenderwaho mu kugenza ibyaha bya ruswa.

## 1. Iperereza ni iki?

Mu itegeko Nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, iperereza risobanurwa ko ari ***"igikorwa cyose kigamije gushakisha ibyaha, gukusanya ibimenyetso byaba ibishinja cyangwa ibishinjura kimwe n'igikorwa kigamije gusuzuma niba ushinjwa agomba gukurikiranwa cyangwa kudakurikiranwa"*** (ingingo ya 3, agace ka 5o).

Ibi ni na byo bigaragazwa n'inyandiko zinyuranye aho zivuga ko iperereza ari uburyo bwo kugerageza gushaka amakuru yose n'ibikorwa ku kintu cyabaye, icyatumye kibaho n'uburyo cyabayemo (the process of trying to find out all the details or facts about something in order to discover who or what caused it or how it happened https://www.macmillandictionary.com/dictionary/british/investigation). Thesaurus we avuga ko iperereza ari uburyo Polisi cyangwa izindi nzego zikoresha mu gushaka ukuri ku cyaha cyakozwe cyangwa ku mpanuka (investigation a process in which the police or another organization try to find out the truth about a crime or accident: https://www.ldoceonline.com/dictionary/investigation).

Iyo usesenguye izi nyandiko zombi, usanga ikigamijwe ari ugushaka ukuri ku ibintu byabaye, uburyo byabayemo n'ibindi, bikaba bihuye n'ingingo ya 3, agace ka 5o kavuga ko ikigamijwe ari ugukusanya ibimenyetso byaba bishinja cyangwa bishinjura.

Mu kugenza ibyaha, umugenzacyaha agomba kugerageza gusubiza ibibazo bitandatu ari byo 5W's and H Questions). Ibyo bibazo ni ibi bikurikira: Ni nde wabigizemo uruhare (Who was involved?); ni iki cyabaye (What happened?); byabaye ryari (When did it happen?); byabereye he (Where did it happen?); kuki byabaye (Why did it happen?); byabaye gute (How did it happen?).

Ibi bikaba bituma umugenzacyaha ashobora kumenya igikorwa cyakozwe (actus reus/ élément matériel) n'impamvu cyangwa niba igikorwa cyarakozwe kigambiriwe cyangwa ari impanuka (mens rea/ élément moral). Umugenzacyaha agomba kumenya kandi niba icyaha akurikiranye giteganywa n'amategeko (élément légal). Ibi bikaba bireba ibyaha bya ruswa cyangwa ibindi.

## 2. Igisobanuro cya ruswa

Urwego rw'Umuvunyi rwahawe ububasha bw'ubugenzacyaha burufasha gukora iperereza ku bikorwa byose byerekeye inshingano z'Urwego rw'Umuvunyi gusa. Ibi bigaragaza ko iyo rusanze hari ibikorwa rudafitiye ububasha rwohereza dosiye mu Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB).

Ibikorwa bivugwa muri iyi ngingo ya 11 y'Itegeko no 76/2013 ryo kuwa 11/9/2013 rigena Inshingano, Ububasha, Imiterere n'Imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi ni ibiteganywa n'Itegeko No 54/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa. Mu ngingo ya kabiri (2) y'Itegeko no 54/2018, agace ka kabiri (2) ruswa ***ni igikorwa icyo ari cyo cyose gikorewe mu nzego za Leta, iz'abikorera, sosiyete sivili, Imiryango Mpuzamahanga ikorera cyangwa ishaka gukorera mu Rwanda, kigamije gusaba, kwakira cyangwa gutanga indonke mu buryo bunyuranyije n'amategeko hagamijwe kwigwizaho umutungo udashobora gusobanura inkomoko yawo, gukora ishimishamubiri kugira ngo hakorwe umurimo cyangwa igikorwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko, byaba bikozwe na nyir'ubwite cyangwa binyujijwe ku wundi muntu.***

Aka gace ka 5 kahise kagaragaza ibikorwa bitandukanye aho ruswa igaragarira ari byo gusaba, kwakira cyangwa gutanga indonke; gusaba, gusezeranya cyangwa

gukora ishimishamubiri rishingiye ku gitsina; gufata icyemezo gishingiye ku itonesha, ubucuti, urwango, ikimenyane cyangwa icyenewabo; gukoresha igitinyiro; kudasobanura inkomoko y'umutungo; kunyereza umutungo; gukoresha umutungo wa Leta icyo utagenewe; gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro; gusonera bitemewe n'amategeko; kwaka cyangwa kwakira amafaranga bidakwiye cyangwa arenze ateganyijwe; gukoresha ububasha uhabwa n'itegeko mu nyungu bwite no kwiha inyungu zinyuranyije n'amategeko.

Ibi bikaba bikaba bitandukanye n'inyito ***"ibyaha bifitanye isano na ruswa"*** yakoreshwaga n'Itegeko no 23/2003 ryo kuwa 07/08/2003 ryerekeye gukumira, kurwanya no guhana ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, ryaje kuvugururwa n'Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana, ubu ikaba itagikoreshwa.

## 3. Amahame agenga iperereza

Amahame ngenderwaho mu kugenza ibyaha ni menshi, amwe ni uburenganzira buteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, andi ni amahame rusange ateganywa n'Itegeko Nº68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, etc. Muri iyi nyandiko turavuga amwe.

a) Ubwisanzure n'umutekano bya muntu bwubahirizwa na Leta: Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, mu ngingo ya 24, rishimangira Uburenganzira ku bwisanzure n'umutekano bya muntu. Iyo ngingo ivuga ko Ubwisanzure n'umutekano bya muntu byubahirizwa na Leta (igika cya 1)

b) Ntawe ushobora gukurikiranwa, gufatwa, gufungwa cyangwa guhanirwa icyaha nta tegeko rihari: igika cya kabiri cy'ingingo ya 24 kivuga ko ***"Ntawe ushobora gukurikiranwa, gufatwa, gufungwa cyangwa guhanirwa icyaha keretse mu gihe biteganywa n'amategeko akurikizwa mu gihe icyaha akurikiranyweho cyakorewe". Ibi bishimangira ihame mpuzamahanga nshinjabyaha rivuga nullum crimen, nulla poena sine lege;***

c) Gukorerwa igenzura igihe biteganywa n'itegeko: Igika cya 3 cy'ingingo ya 24 y'Itegeko Nshinga ivuga ko ***Ntawe ushobora gukorerwa igenzurwa keretse mu bihe no mu buryo buteganyijwe n'itegeko kandi kubera impamvu zishingiye ku ituze rusange rya rubanda cyangwa ku mutekano w'Igihugu.***

d) Uburenganzira ku butabera buboneye : Ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga iteganya uburenganzira ku butabera buboneye, burimo:
- kumenyeshwa imiterere n'impamvu z'icyaha akurikiranyweho, kwiregura no kunganirwa;
- gufatwa nk'umwere kugeza igihe urukiko rubifitiye ububasha rumuhamije icyaha;
- kuburanira imbere y'urukiko rubifitiye ububasha;
- kudakurikiranwa, kudafatwa, kudafungwa cyangwa kudahanirwa ibyo yakoze cyangwa atakoze, iyo amategeko y'Igihugu cyangwa amategeko mpuzamahanga atabifataga nk'icyaha igihe byakorwaga. Ibyaha n'ibihano bijyanye na byo biteganywa n'amategeko;
- kutaryozwa icyaha atakoze; uburyozwacyaha ni gatozi ku wakoze icyaha;
- kudahanishwa igihano kiruta icyari giteganyijwe n'amategeko mu gihe yakoraga icyaha;
- kudafungwa bitewe gusa no kutagira ubushobozi bwo kubahiriza inshingano ituruka ku masezerano;
- kudakurikiranwa cyangwa kudahanirwa icyaha cyashaje. Icyakora, icyaha cya jenoside, ibyaha byibasira inyokomuntu n'ibyaha by'intambara ntibisaza. Itegeko no 54/2018 ryagenye ko icyaha cya ruswa kidasaza.

Ubu burenganzira ku butabera buboneye bwateganyijwe kandi n'Itegeko Nº68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, Itegeko no 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha n'andi mategeko.

e) Ikoreshwa ry'amategeko ahana: Amategeko ahana agomba gufatwa uko ateye, ntashobora gukoreshwa ku buryo butandukira (être interprétées restrictivement/ construed strictly), ibi biteganywa n'ingingo ya 4 y'Itegeko Nº68/2018.

f) Kudahanirwa icyaha kimwe inshuro irenze imwe: Nta muntu ushobora guhanwa inshuro zirenze imwe ku cyaha kimwe nyir'izina yakoze (no double jeopardy), ibi biri mu ngingo ya 7 y'Itegeko Nº68/2018.

g) gukusanya ibimenyetso bishinja n'ibishinjura: Mu kazi kabo k'iperereza, Abagenzacyaha bafite inshingano zirimo gushaka ibimenyetso bishinja n'ibishinjura (ingingo ya 16 y'Itegeko no 27/2019); mu yandi magambo ni ukugaragaza ukuri.

h) Uburenganzira bwo kunganirwa mu gihe cy'ibazwa: Umugenzacyaha cyangwa Umushinjacyaha amenyesha ukekwaho icyaha ko afite uburenganzira bwo kunganirwa no kuvugana n'umwunganira mu muhezo kandi iryo menyesha rigashyirwa mu nyandikomvugo (ingingo ya 46 y'Itegeko no 27/2019).

Mu mategeko mpuzamahanga kandi akoreshwa mu Gihugu cyacu, ukekwaho icyaha afite ubundi burenganzira burimo kudakorerwa iyicarubozo haba ku mubiri no mu bitekerezo ***(prohibits torture and cruel, inhuman or degrading punishment,*** ingingo ya 7 ya ***International Covenant on Civil and Political Rights,*** ICCPR), kudahatirwa kwemera ibyo uregwa no kutishinja no guceceka ***(against self-incrimination,*** ingingo ya 14 ICCPR, ***Miranda Rights).***

Iyi nyandiko yibanze ku burenganzira bw'ukekwaho ibyaha, bwaba ubuteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko yo mu Gihugu na Mpuzamahanga mu rwego rwo kwerekana amahame ngenderwaho mu iperereza. Icya ngombwa ni ukumenya ko ikigamijwe mu iperereza ari ugushaka ukuri, aho umugenzacyaha ategetswe gushaka ibimenyetso bishinja n'ibishinjura, mu gihe cyose umuntu agifatwa nk'umwere kugeza igihe Urukiko ruzafatira umwanzuro wa nyuma.

Ubugenzacyaha bugomba gukorera mu bwisanzure ariko bugenzurwa n'ubushinjacyaha (Independence), kwirinda kubogama bukora kinyamwuga (professionalism) kandi iperereza ry'ibanze ni ibanga (secret). Igihe bibaye ngombwa, umugenzacyaha yitabaza inzobere, impuguke cyangwa umusemuzi.

*Umwanditsi: BIRASA Fiscal Jacques*



# Isuzuma/Igenzura rikorwa n'Urwego rw'Umuvunyi

Itegeko n° 76/2013 ryo ku wa 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imikorere n'imiterere by'Urwego rw'Umuvunyi, riha Urwego rw'Umuvunyi inshingano zitandukanye zirimo n'iyo gusuzuma no kugenzura imikorere y'inzego za leta n'izigenga. Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 4 y'iryo tegeko mu gace ka 6, 11 na 13.

Urwego rw'Umuvunyi rugira inama Guverinoma n'izindi nzego z'imirimo bireba mu gushimangira no kunoza politiki yazo yo gukumira, kurwanya no guhana akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo;

Kugira uruhare mu guteza imbere ubuyobozi bwiza mu nzego zose ,rwerekana ko imikorere n'imikoranira y'inzego idatunganye bitewe n'uko inyuranyije n'amategeko n'inshingano za buri rwego cyangwa n'imigambi rusange ya Leta cyangwa se ifite ingaruka mbi ku baturage;
Kugira inama inzego za leta n'izabikorera kugira ngo imikorere y'ubuyobozi irusheho kunogera abaturage.

Mu gushyira mu bikorwa ishingano zivugwa muri iyi ngingo Urwego rw'Umuvunyi rukora isuzumamikorere ry'inzego za Leta, n'Izigenga hagamijwe kureba niba nta byuho bya ruswa birimo, niba zikora zubahiriza amategeko azigenga, uko serivisi zitangwa n'igihe zitangirwa niba bitabangamiye abo zigenerwa. Hasuzumwa kandi ko izo nzego zifite uburyo bwo gukumira no kurwanya ruswa, kwigenzura no gukorerwa ubugenzuzi, kugira ngo serivisi zitangwa zirusheho kunogera abaturage no kugera ku ntego.

Urwego rw'Umuvunyi rusuzuma ishyirwa mubikorwa rya gahunda n'imishinga bya Leta iteganyiriza abaturage mu rwego rwo kuzamura imibereho myiza yabo.

## Isuzuma mikorere/igenzura rikorwa rite

Buri mwaka, Urwego rw'Umuvunyi rutegura gahunda y'ibikorwa harimo n'ibigamije gukumira no kurwanya ruswa. Mu rwego rwo gukumira ruswa hakorwa ubukangurambaga n'isuzuma/igenzura ry'inzego zitandukanye zaba iza Leta cyangwa izigenga rikibanda cyane ku nzego za Leta kuko ziba zifite ishingano zo gushyira mu bikorwa igenamigambi rya Leta. Hasuzumwa inzego zo mu butegetsi bwite bwa Leta n'inzego z'ibanze arizo:

- Inzego z'ubuzima: amavuriro n'ingaga z'abakora umwuga w'ubuvuzi;
- Inzego z'uburezi: ibigo bifite uburezi mu nshingano n'amashuri
- Ibigo by'ubuhinzi n'ubworozi;
- Ibigo bishinzwe ibikorwa remezo
- Ibigo by'imari
- Amakoperative atandukanye n'ibindi...

Mu gukora isuzuma/ingenzura-mikorere hashingirwa kuri serivise izo nzego zitanga zizihuza n'abaturage ndetse n'amakuru ku mikorere itanoze iranga zimwe

mu nzego za Leta n'Izigenga aho usanga zidatanga umusaruro ziba zitezweho bigatuma abaturage bazinubira.

Hasuzumwa niba zubahiriza ingamba zashyizweho mu rwego rwo gukumira no kurwanya ruswa ndetse niba nazo ubwazo zishishikariza abazikoramo kwirinda no kurwanya ruswa mu mirimo yabo ya buri munsi.

Urwego rw'Umuvunyi rusuzuma rukanagenzura ishyirwa mu bikorwa rya gahunda n'imishinga Leta iba yashyizeho igamije kwihutisha iterambere no kuzamura imibereho y'abaturage. Mu isuzuma/igenzura mikorere harebwa niba intego Leta yari ifite mu ishyirwaho ry'izo gahunda n'imishinga zaragezweho no kureba imikoreshereze y'ingengo y'imari iba yashowe mo.

Zimwe muri gahunda n'imishinga byakorewe isuzuma/igenzura twavuga nka:

- Gahunda ya VUP, Ubudehe, Mituweri na Girinka;
- Ibigega bitera inkunga imishinga y'abaturage;
- Imishinga yo kugeza amazi meza ku baturage;
- Imishinga y'ingomero z'amashanyarazi
- Imishinga y'ubwubatsi bw'amahoteli y'Uturere nibindi.

Mu isuzuma/igenzura ryakorwe gahunda n'imishinga bya Leta, byagaragaye ko hari aho bidashyirwa mu bikorwa uko bikwiye ndetse hakanagaragaramo ibyaha bya ruswa. Abaketsweho ibyo byaha Urwego rw'Umuvunyi rukabakurikirana mu rwego rw'amategeko abobihamye bakabihanirwa.

Isuzuma/igenzura rikorerwa inzego za Leta n'Izigenga ni imwe mu nkingi zo guteza imbere imiyoborere myiza rikaba inkingi ya mwamba mu gukumira no kurwanya ruswa. Urwego rw'Umuvunyi rurikora hagamijwe gutanga inama zafasha kunoza imikorere y'inzego ziba zagenzuwe ndetse no gutungira Leta agatoki inzego zijegajega mu mikorere bityo igashobora kuzubakira ubushobozi.

*Umwanditsi: NYIRAKANYANA Christine*





# ABAMENYEKANISHA UMUTUNGO NIBA NDE?

Kwakira, kubika no gukurikirana buri mwaka amakuru agaragaza imitungo nyakuri y'abayobozi b'igihugu kuva ku rwego rwo hejuru kugera ku rwo hasi n'abandi bakozi bateganywa n'Itegeko nayo ni indi nshingano nyamukuru Urwego rw'Umuvunyi rufite yiyongera ku zindi.

Muri iyi nyandiko turagaruka cyane kuri iyi nshingano ijyanye no kwakira, kubika no gukurikirana buri mwaka amakuru agaragaza imitungo nyakuri y'abayobozi b'igihugu n'abandi bakozi itegeko rigena.

Hashingiwe ku mugereka w'itegeko nimero 76/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego Rw'Umuvunyi:

Abayobozi n'abakozi bagaragariza umutungo wabo Urwego rw'Umuvunyi ni aba bakurikira:

- Abayobozi bagengwa n'itegeko ngenga n° 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta,(ingingo ya 3, 1°),
- Ba ofisiye bakuru mu Ngabo z'Urwanda no muri Polisi y'u Rwanda, abacamanza, abashinjacyaha n'abagenzacyaha batabarirwa mu bayobozi bavuzwe mu gace ka 1°
- Abakozi bo mu myanya ikurikira:

a. Abakozi bari ku mwanya w'ubuyobozi (Directors and Heads of services) mu nzego za Leta, iz'ibigo byayo, ibigo Leta ifitemo imigabane n'imishinga ya Leta
b. Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'imirenge
c. Abakira, abacunga n'abagenzura imari n'umutungo wa Leta
d. Abakozi bari mu tunama dutanga amasoko mu nzego za Leta, mu bigo byayo, mu bigo Leta ifitemo imigabane no mu mishanga ya Leta
e. Abashinzwe imisoro n'amahoro
f. Abashinzwe imicungire y'ubutaka
g. Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bakora mu mashami yarwo ashinzwe kurwanya ruswa, kurwanya akarengane, kugenzura imyitwarire y'abayobozi no kugenzura imitungo
h. Abayobozi b'ibigo by'amashuli yisumbuye ya Leta n'abacunga imari n'umutungo muri ibyo bigo
i. Ba Noteri ba Leta
j. Abandi bakozi bagenwa n'Urwego bakoreramo

**Itegeko ngenga n° 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta, ingingo ya 3 isobanura abayobozi bavugwa n'iri tegeko:**

1° **Umuyobozi:** umuntu ukorera Leta wo mu rwego Nshingamategeko, Nyubahirizategeko cyangwa mu Bucamanza n'izindi nzego zizishamikiyeho, ushinzwe ku rwego rw'umurimo kuyobora abandi no gufata ibyemezo bigira ingaruka ku rwego rw'Igihugu, urwa serivisi, urw' ikigo cyangwa ku murimo ashinzwe;
2° **Abayobozi b'Ikirenga:** Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe;
3° **Abayobozi Bakuru:** abagize Guverinoma, abagize Inteko Ishinga Amategeko, Abacamanza mu Rukiko rw'Ikirenga n'abandi bashyirwaho n'Iteka rya Perezida n'abashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe kugeza ku Muyobozi Mukuru n'abandi bari ku rwego rumwe na we;

Kumenyekanisha umutungo ku bayobozi bose bavuzwe ni igikorwa kiba buri mwaka kandi kigakorwa mu buryo bw'ibanga kuko inyandiko igaragaza umutungo w'umuntu ibikwa mu ibanga ku buryo ibikubiyemo bimenywa gusa na bene zo n'abashinzwe kuzakira.

Abibaza aho Urwego rw'Umuvunyi bo bamenyekanisha imitungo yabo, Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi babiri bungirije n'abandi bakozi b'Urwego rw'Umuvunyi nkuko bateganywa n'itegeko, bamenyekanisha imitungo yabo mu Biro bya Sena.

***Ingingo ya 19 y'itegeko ngenga n°61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu nzego za Leta ivuga ibi bikurikira:***

Umuyobozi wese ategetswe kumenyesha Urwego rw'Umuvunyi umutungo afite mu gihugu cyangwa mu mahanga.

Inyandiko igaragaza umutungo nyakuri ishyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi bitarenze tariki ya 30 Kamena ya buri mwaka ku bantu basanzwe mu kazi n'igihe bavuye mu mirimo yabo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15).


Ku bantu bagitangira imirimo y'ubuyobozi, inyandiko ya mbere igaragaza imitungo yabo ishyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi mu gihe cy'ukwezi kumwe batangiye imirimo.


***Umwanditsi: KAMANA Majune Noella***





# INKURU ISHUSHANYIJE




MU NZIRA KALISA YAKOMEJE YIVUGISHA...
AMAHIRWE YA GATETE NI UKO NKORERA INAHA MU MUJYI! UBWO NGEZE HAFI YA CONVENTION, REKA NKATIRE KU RWEGO RW'UMUVUNYI NTANGE YA MAKURU!
AGEZEYO...
MUHAWE IKAZE MU RWEGO RWUMUVUNYI! TUBAFASHE DUTE?!
RECEPTION
HARI AMAKURU AJYANYE N'ABAHISHA IMITUNGO YABO IGENZURA NIFUZAGA KUGEZA KU RWEGO RW'UMUVUNYI.
MUKOMEZE MU MURYANGO W' IBUMOSO, BARABAKIRA.
RECEPTION
AMAZE GUTANGA AMAKURU UMUKOZI W'URWEGO RW'UMUVUNYI ATANGIYE KUMUSOBANURIRA ICYO AMATEGEKO ATEGANYA N'UBURYO BWO GUTANGA AMAKURU
MURAHO NEZA! NITWA KALISA, NTUYE KABAHIZI.HARI AMAKURU AJYANYE N'ABANTU BARAGIZA IMITUNGO BAKAYANDIKA KU BANDI NIFUZAGA KUGEZA KU RWEGO RW'UMUVUNYI. HARI UMUGABO GATETE UZWI CYANE HARIYA IWACU BURYA IRYA MITUNGO NI IYA WA MUYOBOZI WACU NGO YAYIMWANDITSEHO ATINYA KUZAYIMENYEKANISHA KU RWEGO RW'UMUVUNYI. NUMVA MWABIKURIKIRANA!
URAKOZE KUDUHA AMAKURU KANDI ABANTU BAKWIYE KUMENYA KO BIHANWA N'AMATEGEKO KUKO N'INGINGO YA 9 Y'ITEGEKO NO 54/2018 RYO KUWA 13/08/2018 RYEREKEYE KURWANYA RUSWA,IVUGA KO UDASHOBORA GUSOBANURA UMUTUNGO AFITE UGERERANYIJE N'IBYO YINJIZA BYEMEWE N'AMATEGEKO ABA AKOZE ICYAHA. URUHARE RWANYU NI INGENZI MU KUBAKA IGIHUGU, IBISIGAYE NI IBYACU TUGIYE KUBIKURIKIRANA.
NANONE KU BANTU BIGWIZAHO UMUTUNGO BADASHOBORA GUSOBANURA INKOMOKO YAWO, BATANGIRWA AMAKURU KURI E-mail:rwanyaruswa@ombudsman.gov.rw, CYANGWA MUSHOBORA KOHEREZA UBUTUMWA BUGUFI KURI NIMERO ITISHYURWA ARIYO 1990.
IYO ABIHAMIJWE N'URUKIKO, NI IGIFUNGO KITARI MUNSI Y'IMYAKA 7,ITARENZE IMYAKA 10 N'IHAZABU Y'AMAFARANGA Y'U RWANDA AKUBYE INSHURO 3-5 Z'AGACIRO K'UWO MUTUNGO ABA ADASHOBORA KUGARAGAZA INKOMOKO MU BURYO BWEMEWE N'AMATEGEKO

OFFICE OF THE OMBUDSMAN

# THERE IS NO SPACE FOR CORRUPTION IN RWANDA






BP 6269 Kigali - Rwanda
Tel: +250 587308/09, Fax: 587182
Email: ombudsinfo@ombudsman.gov.rw
www.omubdsman.gov.rw